# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME

## MU IHURIRO RYA 9 NO KWIZIHIZA

## IMYAKA 20 UNITY CLUB IMAZE

**Kigali Convention Center, ku wa 4 Ugushyingo 2016**

Ba Nyakubahwa Bayobozi,

Batumirwa bacu bahire,

Bavandimwe Ntwararumuri dusangiye ibyishimo by'isabukuru yacu.

Mbanje kubaramutsa, mbifuriza amahoro y'Imana.

Twishimiye kubakira mu ihuriro ryacu ngarukamwaka, by'umwihariko mu byishimo by'uyu munsi, twizihiza isabukuru ya Unity Club INTWARARUMURI, ku nsanganyamatsiko igira iti "***Imyaka20! Ubunyarwanda, ikirezi twambaye***" tukaba twishimira ko dufite amahirwe yo kumenya ko cyera kurusha ibindi.

Turizihiza iyi sabukuru, turi kumwe n'abari mu ntambwe ya mbere y'uyu muryango. Hari benshi kandi mu bakomeje kudusanga ari nako twagiye dufatanya kwakira abanyamuryango bashya, bityo tukaba abahamya b'ubudatana bwacu, kuko uwabaye umunyamuryango wa Unity Club ahora ari umwe muri twe.

Turizihiza imyaka 20, duhigira 20 iri imbere. Intwararumuri namwe batumirwa bacu, mwagize uruhare rukomeye mu byagezweho twizihiza, mutumiwe mu rugamba rwo gukomeza ibyiza, byubaka Ikirezi twahawe na Rurema.

Imwe mu ntego nyamukuru y'iri huriro, ni ukurebera hamwe no gusangira ibyagezweho mu myaka 20 Unity Club imaze ishinzwe, dushingiye ku nzira ndende mu gutanga umusanzu w'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda, twifashishije amahuriro yabanje.

Biradufasha kuzirikana urugendo rurerure twabayemo, rutwibutse aho u Rwanda rwari rwarageze, kuzirikana ko twitabiriye kuruvana ahabi, dufatanije kandi twunganira ibyemezo bya politike byimitse ubumwe, ubwiyunge n'iterambere rya buri Munyarwanda.

Ibyo twishimira ni byinshi, birimo ibyagezweho n'umuryango twubatse nk'urwego rwigenga ariko rwunganira ubuyobozi. Hari ibyo twagezeho nk'abantu, nk'ababyeyi ndetse nk'abayobozi, hakaba na gahunda

twagiye tugira amahirwe yo kubera inganzo, zigashyikirizwa izindi nzego ngo zikwirakwizwe mu Banyarwanda, bityo ubuvugizi bushingiye k'ugutanga urugero, bukomeze bufashe mu kurushaho kuganisha u Rwanda n'Abanyarwanda aheza.

Bavandimwe, nshuti, bayobozi bayoborera Igihugu cyacu, kwizihiza ni ngombwa, guhora dutera intambwe igana aheza twarabyiyemeje, ariko no kuzirikana aho duturuka ni inshingano kuko ni kure kandi twashoboraga no guherayo.

Nk'uko Umukuru w'Igihugu yabitwibukije mu Ihuriro ry'umwaka ushize, yagize ati: *"…**nagirango nkomeze mvuga ko umunsi nk'uyu hari ibyiza byo kwishimira, hari ibyiza byo kwibuka, ariko mu gihe nk'icyingiki bisubiza n'abantu mu mateka kugira ngo bongere batekereze, abantu bisuzume ariko bigamije kugira ngo turebe imbere, turebe ubuzima bwacu twese, ubuzima bw'igihugu uko bwakomeza guhinduka bukamera neza…**"*

Nyuma y'imyaka 22 igihugu cyacu kivutse bundi bushya, hakozwe byinshi bigamije kubanisha Abanyarwanda, mu bworoherane n'ubwiyunge, byinshi bikomeye byagezweho, hari ibigaragara hari n'ibindi bitagaragarira buri wese ariko twe tubona.

**Ukuri**, ni imwe mu nkingi twubakiyeho ubumwe bwacu, ukuri kwacu nk'Abanyarwanda, kudutegeke kwemera no kuzirikana ko tugifite urugendo rurerure mu kubaka ubumwe burambye mu Banyarwanda. Kubizirikana biturinda kwirara kandi uburebure n'urusobe rw'imizi y'ikibi bikigaragarira mu ngaruka nyinshi z'ayo mateka.

Ku ikubitiro, gusana ubumwe hagati yacu nk'Intwararumuri byabaye ngombwa kuko ubuyobozi bwatubanjirije bwari bwahereye mu buyobozi busenya ubumwe bw'Abanyarwanda n'icyo bushingiyeho: aribyo kuba twese turi bene Gihanga, tunganya ubutoni n'ubwisanzure ku Rwanda, duhuje inshingano n'uburenganzira kuri iyo ngobyi yatubyaye. Twishimire ko twabigezeho ku gipimo gishimishije, nk'uko ubushakashatsi bwakozwe bubigaragaza, maze duharanire

gutuma ntawe uzongera kutumeneramo ngo abe yatwinjizamo ikinyoma cy'uko twamera neza kurushaho twemeye kongera kwicamo ibice.

Usibye no kuyobora, no kongera kubaho mu gihugu cyabayemo jenoside bamwe mu bahanga bise "**genocide de proximité**", bivuze ko ari jenoside yinjiye mu ngingo zose z'ibigize umuryango nyarwanda: aho wica uwo wakarinze, ukamwicana n'uwakubwiye ati sigaho gukora ishyano, aho abantu, ibintu ndetse n'indagagaciro byose byatakaje isura, ni ikintu kitari cyoroshye na gato.

Twagize amahirwe, tumurikirwa neza, maze natwe dukurikira urumuri, none dufite aho tugeze kandi hashimishije. Twafatanyije n'izindi nzego mu kubaka imirongo mishya y'ibitekerezo byo mu rwego rwa politike, mu bukungu ndetse n'imibereho myiza y'abaturage, n'ubu dukomeje gahunda zacu zo gufasha abagizwe imfubyi, abapfakazi n'incike kuko ubukana bwo gusenya bwa jenoside, bufite ingingo nyinshi zitandukanye. Ibi bidusaba guhora tureba kure, tukamenya gufata iya mbere mu kumenya ahakenewe ubuvugizi n'ubufasha.

Bavandimwe dusangiye u Rwanda,

- Kuzaraga abana bacu igihugu bazatura, batongeye gukwirakwira imishwaro, bahunga ababica kandi bava inda imwe, kuzaraga abana bacu igihugu kivugira kandi cyaciye ukubiri no kuba igikoresho cy'abahemu;
- Kuzaraga abana bacu igihugu bisanzuyemo, bakorera bagikunze, kikabahesha ishema n'isheja, bakakirinda abanyarugomo, kikabaheka cyizihiwe;

Kubigeraho ni inshingano yacu nk'ababyeyi, ni indahiro nk'abayobozi, nkaba nifuje kubibutsa ko bidusaba byinshi tugomba guhora tuzirikana. Muri byo, hari ukuri n'ubworoherane twimitse, hari ugusenyera umugozi umwe twiyemeje, hari ukwihitiramo no kwigenera kw'abanyagihugu bibohoye bidasubirwaho, harimo kandi n'ubumwe bwacu butanyeganyezwa!

Bimwe mu byo twagezeho mu rwego rwo guhuza ibitekerezo byo mu rwego rwa politike, ingero z'ibikorwa bifatika twagezeho, icyifuzo ndetse n'imigirire yacu nk'Intwararumuri mu kunganira gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda ku buryo burambye, buzatuma abana bacu babyiruka nta nkomyi, ni gahunda

ya Ndi Umunyarwanda yasakajwe mu gihugu muri 2013, tuyiha inkingi n'imfashanyigisho, maze inzego nkuru z'Igihugu zibigiramo uruhare rukomeye.

Gukomeza gusesengura no kwibutsa ko Ndi umunyarwanda ari inzira ndende, yo kongera kubaka ubumwe bw'abanyarwanda, byahereye ku kubohora igihugu no guhagarika jenoside, bityo ihame ry'ubunyarwanda rihabwa agaciro, rishimangira ko Ndi Umunyarwanda ari isano ihuza abanyarwanda, batewe ishema no kuba abanyarwanda, bahuriye ku gukunda u Rwanda, kururinda no kuruteza imbere.

***Ndi Umunyarwanda*** nk'***Icyomoro n'Igihango***, twabitangiye gihamya tugaruka ku bwiza bw'abacu banze guhemuka, maze twimika umuco iwacu tugira tuti "***Abarinzi b'Igihango mu mujishi wa Ndi Umunyarwanda***".

Abo ni abatarigeze na rimwe bibagirwa ko bambitswe Ikirezi maze bagahekera u Rwanda mu bihe byose, ndetse no mu makuba ndengakamere, bakarugira mu mujishi ngo rudasitara rukagwa kandi bariho.

Abarinzi b'Igihango, bakirinze mu buryo ndetse no mu bihe bitandukanye. Mu gukomeza Igihango dufitanye n'Urwatubyaye, turongera twizihize abo beza b'u Rwanda, tubamurikire n'abandi maze bongere batubere impamvu y'icyizere cy'ukudahera kwarwo. Tubyigishe ababyiruka bacu, bahakure ishema ry'ukuvuka I Rwanda, dore kw'ipfunwe n'agahinda ari byo benshi bari barapfunyikiweho impamba y'umuzigo w'amateka. Uyu munsi, mu byo twizihiza, harimo n'iyo ntera nkuru yimika ubunyarwanda, ikirezi twambaye tuzi ko cyera!

Mu mwanya bamwe mu banyamuryango ba Unity Club baraza kuduha ikiganiro ku nzira twanyuzemo muri iyi myaka 20 tumaze, basesengure ibyo twizihiza none. Ibi biratwibutsa inshingano yacu yo kubisigasira no gukomezanya imbaraga, ubushake n'ubumenyi birushijeho, kugira ngo u Rwanda rwigeze kuba iciro ry'umugani, rurusheho kuba icyitegererezo cy'ibyiza bishoboka iyo abanyagihugu bashyize hamwe, bafite icyerecyezo kizima, bamurikiwe neza, mu kuri n'ubudahemuka.

Kwitwa Intwararumuri rero kuri twe, ni ukwemera kuba ”***Abarinzi b’Igihango***” ba mbere. Nk’uko dushinzwe gukorera abaturage, tubateza imbere, tubafasha guhindura imibereho yabo n’imyumvire, mureke tubabibemo imbuto y’uburinzi bw’igihango cy’u Rwanda, bizabarinda kugwa mu bishuko by’abangizi batarashirwa, bibwira ko ikinyoma, gusebanya n’inkuru z’impuha byabaha icyuho bameneramo baza kwangiriza u Rwanda.

Bayobozi bavandimwe, Igihugu cyacu kiri mu isi dusangiye n’abandi, isi iteye kwinshi kandi ihinduka buri munsi, ni byiza guhugukirwa kumenya uko iteye n’uko ikora. Kumenya ibidufasha, gukomeza kubaka urwacu no kururinda. Ariko kandi, mu gukurikira no kwanga kuba twasigara inyuma, tunibutse abandi dusangiye isi ko twe twahisemo ingendo y’iwacu, itubereye, ishingiye ku mateka yacu ndetse n’indagagaciro z’ubunyarwanda.

Ubunyarwanda ni impano twahawe n’Iyaduhanze, mu kongera kubwimakaza twifuje ko buri wese mu bavukarwanda abasha kwivugira ubwe ati ”Ndi Umunyarwanda”.

Nshuti, Bavandimwe, Babyeyi kandi Ntwararumuri, nongere mbisubiremo, dufite amahirwe yo kurerera mu Rwanda, rwaciye ukubiri n'ivangura n'umwiryane, tukaba dutekanye kandi tunganya uburenganzira.

Mu ihuriro riheruka, byagaragaye ko hakwiriye kurebwa uburyo urubyiruko rubana n'ibikomere byo kuba ababyeyi babo barakoze jenoside **rwafashwa gukira ibyo bikomere**.

Ku bufatanye na Ministeri y'urubyiruko, Ministeri y'umuco na sport ndetse na Imbuto Foundation, hashyizweho itsinda ryo kubyiga, kubinononsora no kubishyira mu bikorwa mu buryo bwihuse!.

Mbere yo gusoza, nagirango nshimire Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge, duhora dufatanya muri iyi gahunda, dushimire kandi abaza kutuganiriza, baraza kudufasha kuva hano dutahanye imyanzuro inoze, izafasha buri Munyarwanda kwiyubakamo isano afitanye n'u Rwanda n'abandi baruvuka bose.

Mbifurije Ihuriro riduhuza imitima n’ubwenge, twizihize isabukuru nziza iduteye ishema, duhigire u Rwanda ko kwizihirwa kwacu bivuze ko n’ejo Rwanda tutazahigwa, tuzahora tukwizihiye.

Mugire umunsi mwiza kandi mwizihirwe.

MURAKOZE